ITEGEKO N° 002/2024 RYO KU WA 22/01/2025 RIHINDURA ITEGEKO N° 045/2021 RYO KU WA 18/08/2021 RIGENGA URWEGO RUSHINZWE UBUTASI KU MARI	LAW Nº 002/2024 OF 22/01/2025 AMENDING LAW N° 045/2021 OF 18/08/2021 GOVERNING THE FINANCIAL INTELLIGENCE CENTRE	LOI Nº 002/2024 DU 22/01/2025 MODIFIANT LA LOI N° 045/2021 DU 18/08/2021 RÉGISSANT LE CENTRE DE RENSEIGNEMENT FINANCIER
ISHAKIRO	**TABLE OF CONTENTS**	**TABLE DES MATIÈRES**
Ingingo ya mbere: Isobanura	Article One: Interpretation	Article premier: Interprétation
Ingingo ya 2: Inshingano	Article 2: Responsibilities	Article 2: Attributions
Ingingo ya 3: Ububasha	Article 3: Powers	Article 3: Pouvoirs
Ingingo ya 4: Imikoranire ya FIC n'abashinzwe gutanga amakuru n'izindi nzego	Article 4: Collaboration of FIC with reporting persons and other organs	Article 4: Collaboration du FIC avec les personnes déclarantes et d'autres organes
Ingingo ya 5: Ihame rya magirirane	Article 5: Principle of reciprocity	Article 5: Principe de réciprocité
Ingingo ya 6: Guhanahana amakuru	Article 6: Exchange of information	Article 6: Échange d'informations
Ingingo ya 7: Ifishi yabugenewe isaba amakuru	Article 7: Standard information request form	Article 7: Formulaire standard de demande d'information
Ingingo ya 8: Kurinda amakuru no kugira ibanga	Article 8: Data protection and confidentiality	Article 8: Protection de données et de la confidentialité
Ingingo ya 9: Amahame mbonezamwuga ngenderwaho	Article 9: Standard operating procedures	Article 9: Procédures opérationnelles standard
Ingingo ya 10: Ingingo y'ururimi	Article 10: Language provision	Article 10: Disposition linguistique
Ingingo ya 11: Gutangira gukurikizwa	Article 11: Entry into force	Article 11: Entrée en vigueur

ITEGEKO N° 002/2024 RYO KU WA 22/01/2025 RIHINDURA ITEGEKO N° 045/2021 RYO KU WA 18/08/2021 RIGENGA URWEGO RUSHINZWE UBUTASI KU MARI	**LAW Nº 002/2024 OF 22/01/2025 AMENDING LAW N° 045/2021 OF 18/08/2021 GOVERNING THE FINANCIAL INTELLIGENCE CENTRE**	**LOI Nº 002/2024 DU 22/01/2025 MODIFIANT LA LOI N° 045/2021 DU 18/08/2021 RÉGISSANT LE CENTRE DE RENSEIGNEMENT FINANCIER**
Twebwe, KAGAME Paul, Perezida wa Repubulika;	**We, KAGAME Paul,** President of the Republic;	**Nous, KAGAME Paul,** Président de la République;
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO YEMEJE, NONE NATWE DUHAMIJE, DUTANGAJE ITEGEKO RITEYE RITYA KANDI DUTEGETSE KO RITANGAZWA MU IGAZETI YA LETA YA REPUBULIKA Y'U RWANDA	**THE PARLIAMENT HAS ADOPTED AND WE SANCTION, PROMULGATE THE FOLLOWING LAW AND ORDER IT BE PUBLISHED IN THE OFFICIAL GAZETTE OF THE REPUBLIC OF RWANDA**	**LE PARLEMENT A ADOPTÉ ET NOUS SANCTIONNONS, PROMULGUONS LA LOI DONT LA TENEUR SUIT ET ORDONNONS QU'ELLE SOIT PUBLIÉE AU JOURNAL OFFICIEL DE LA RÉPUBLIQUE DU RWANDA**
INTEKO ISHINGA AMATEGEKO:	**THE PARLIAMENT:**	**LE PARLEMENT:**
Umutwe w'Abadepite, mu nama yawo yo ku wa 08 Mutarama 2025;	The Chamber of Deputies, in its sitting of 08 January 2025;	La Chambre des Députés, en sa séance du 08 janvier 2025;
Ishingiye ku Itegeko Nshinga rya Repubulika y'u Rwanda, cyane cyane mu ngingo yaryo ya 64;	Pursuant to the Constitution of the Republic of Rwanda, especially in Article 64;	Vu la Constitution de la République du Rwanda, spécialement en son article 64;
Isubiye ku Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, mu ngingo zaryo, iya 2 iya 7, iya 8 n'iya 24;	Having reviewed Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre, in Articles 2, 7, 8 and 24;	Revu la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier, en ses articles 2, 7, 8 et 24;

YEMEJE:	**ADOPTS:**	**ADOPTE:**
Ingingo ya mbere: Isobanura	**Article One: Interpretation**	**Article premier: Interprétation**
Ingingo ya 2 y'Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 2 of Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre is amended as follows:	L'article 2 de la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier est modifié comme suit :
« Muri iri tegeko:	"In this Law –	**"**Dans la présente loi –
(a) **"Inama Mpuzabikorwa"** bivuga Inama y'Igihugu ishinzwe gukumira no kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(a) **"Coordination Council"** refers to the national council responsible for preventing and fighting money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(a) **« Conseil de Coordination »** désigne le conseil national chargé de la prévention et de la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(b) **"iyezandonke"** hakubiyemo ikorwa rya kimwe mu bikorwa bikurikira, cyaba gikozwe n'umuntu ukoze icyaha cy'ibanze cyangwa undi muntu, agikoreye ku butaka bw'u Rwanda cyangwa ubw'ikindi gihugu:	(b) **"money laundering"** includes the commission of any of the following acts either by a person who commits a predicate offence or by a third party, carried out in Rwanda or on another country's territory:	(b) **« blanchiment de capitaux »** comprend la commission de l'un des actes suivants, soit par une personne qui commet une infraction sous-jacente, soit par un tiers, commis au Rwanda ou sur le territoire d'un autre pays :
(i) guhindura, kohereza cyangwa kuba afite umutungo, nyir'ukubikora azi cyangwa ashobora kumenya ko uturuka ku cyaha cyangwa ku gikorwa	(i) the conversion, transfer or handling of the property, knowing or having reasonable grounds to know that such property is the proceeds of crime or derived from an act of	(i) conversion, transfert ou traitement de biens, sachant ou ayant des motifs raisonnables de savoir que ces biens sont le produit du crime ou proviennent

cyo kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	participation in such crime;	d'une participation à un tel crime;
(ii) guhisha umutungo, kutagaragaza imiterere nyayo yawo, inkomoko yawo, aho ubarizwa, kuwimura, kuwikuraho, kuwutanga, guhisha nyir'umutungo nyawe cyangwa uwufiteho uburenganzira, nyir'ukubikora azi cyangwa hari impamvu zituma ashobora kumenya ko uwo mutungo ari indonke ituruka ku cyaha cyangwa uturuka ku kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	(ii) the concealment, disguise of the true nature, origin, location, movement, disposition, donation, disguise of the beneficial owner of or rights with respect to the property, knowing or having reasonable grounds to know that such property is the proceeds of crime or derived from an act of participation in such crime;	(ii) dissimulation, déguisement de la nature, de l'origine, de l'emplacement, du mouvement, de la disposition, de la donation ou dissimulation du bénéficiaire effectif de biens ou des droits y afférents, sachant ou ayant des motifs raisonnables de savoir que ces biens sont le produit du crime ou proviennent d'une participation à un tel crime ;
(iii) kwegukana, gutunga cyangwa gukoresha umutungo uzi cyangwa ushobora kumenya, mu gihe cyo kuwakira, ko uwo mutungo ukomoka ku cyaha cyangwa uturuka ku kugira uruhare mu ikorwa ryacyo;	(iii) the acquisition, possession or use of the property, knowing or having reasonable grounds to know, at the time of receipt, that such property was the proceeds of crime or derived from an act of participation in such crime;	(iii) acquisition, possession ou utilisation de biens dont celui qui s'y livre sait ou a des motifs raisonnables de savoir, au moment de la réception, que ces biens sont le produit du crime ou proviennent d'une participation à un tel crime ;
(iv) kugira uruhare, kwishyira hamwe cyangwa gucura umugambi wo gukora icyaha, ubwinjiracyaha, gufasha, gushishikariza no gutiza umurindi, korohereza cyangwa	(iv) participation in, association or conspiracy to commit, attempts to commit, aiding, inciting, abetting, facilitating or counselling the commission of any of the acts provided for	(iv) participation à l'un des actes visés aux sous-alinéas (i), (ii) et (iii) du présent alinéa, fait de s'associer ou entente en vue de le commettre, de tenter de le commettre, d'aider, d'inciter,

gutanga inama mu gukora igikorwa icyo ari cyo cyose mu bivugwa mu duce (i), (ii) na (iii) tw'aka gaka;	under Sub-subparagraphs (i), (ii) and (iii) of this Subparagraph;	d'encourager en vue de sa commission, d'en faciliter ou conseiller la commission ;
(v) guhisha cyangwa kuyoberanya inkomoko y'umutungo itemewe n'amategeko cyangwa gufasha umuntu wakoze icyaha cy'ibanze kugira ngo ahunge ingaruka zo mu rwego rw'amategeko ku bikorwa bye;	(v) concealing or disguising the illicit origin of the property or assisting a person who is involved in the commission of the predicate offence to evade the legal consequences of his or her action;	(v) dissimuler ou déguiser l'origine illicite de biens ou aider une personne impliquée dans la commission de l'infraction sous-jacente à échapper aux conséquences juridiques de ses actes ;
(c) **"ubutasi ku mari"** bivuga igikorwa kigamije kwakira no gusesengura amakuru ku bikorwa by'ihererekanya ry'imari bikemangwa n'andi makuru ajyanye n'iyezandonke n'ibyaha by'ibanze bifitanye isano na yo, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi kugira ngo ibivuye mu isesengura bimenyeshwe inzego bireba;	(c) **"financial intelligence"** means a process of receipt and analysis of suspicious transaction reports and other information related to money laundering and associated predicate offences, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction for the dissemination of the results of such an analysis to relevant authorities;	(c) **« renseignement financier »** signifie un processus de réception et d'analyse des déclarations d'une opération suspecte et d'autres informations relatives au blanchiment de capitaux et aux infractions sous-jacentes associées, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive en vue de la dissémination des résultats de cette analyse aux autorités concernées ;
(d) **"umuryango ufite ubuzimagatozi"** bivuga ikigo gifite ubuzima gatozi harimo isosiyete y'ubucuruzi, koperative, ikigo, umuryango nyarwanda utari	(d) **"legal person"** means an entity with legal personality including a company, cooperative, institution, national non-governmental organisation, international non-	(d) **« personne morale »** signifie une entité dotée de la personnalité juridique, y compris une société commerciale, une coopérative, une institution, une organisation non

uwa Leta, umuryango mpuzamahanga utari uwa Leta, umuryango ushingiye ku myemerere, fondasiyo, ubufatanye mu bucuruzi, n'ibindi bimeze kimwe;	governmental organisation and faith-based organisation, foundation, partnership and other similar entities;	gouvernementale nationale, une organisation non gouvernementale internationale et une organisation confessionnelle, une fondation, une société de personnes et autres entités similaires ;
(e) **"urutonde rurambuye rw'abashinzwe gutanga amakuru"** bivuga urutonde rw'abashinzwe gutanga amakuru FIC ikora ishingiye ku bivugwa mu gaka ka (f) k'iyi ngingo;	(e) **"detailed list of reporting persons"** means a list of reporting persons drawn up by the FIC in accordance with the provisions of Subparagraph (f) of this Article;	(e) **« liste détaillée de personnes déclarantes »** signifie une liste de personnes déclarantes dressée par le FIC conformément aux dispositions de l'alinéa (f) du présent article ;
(f) **"ushinzwe gutanga amakuru"** hakubiyemo:	(f) **"reporting person"** includes:	(f) **« personne déclarante »** comprend:
(i) ikigo cy'imari;	(i) a financial institution;	(i) institution financière ;
(ii) umwavoka, umunoteri, umuhesha w'inkiko w'umwuga n'abandi bakora umwuga ushingiye ku mategeko bigenga, iyo bahagarariye cyangwa bafasha umukiriya hanze y'urukiko, by'umwihariko mu rwego rw'ibikorwa bikurikira:	(ii) an advocate, notary, professional bailiff and other independent legal professionals when they represent or assist a client outside a legal proceeding, in particular, within the framework of the following activities:	(ii) avocat, notaire, huissier de justice professionnel et autres membres des professions juridiques libérales lorsqu'ils représentent ou assistent un client en dehors d'une procédure judiciaire, notamment dans le cadre des activités suivantes:
A. kugura no kugurisha umutungo utimukanwa;	A. buying and selling of real estate;	A. achat et vente de biens immobiliers;

B. gucunga amafaranga, inyandiko z'agaciro cyangwa undi mutungo by'umukiriya;	B. managing of client money, securities or other assets;	B. gestion de fonds, de titres ou d'autres actifs appartenant au client ;
C. gucunga konti zo kubitsa no kubikurizaho, konti yo kuzigama cyangwa konti y'inyandiko y'agaciro;	C. managing bank current, savings or securities accounts;	C. gestion de comptes bancaires courants, d'épargne ou de titres ;
D. gushyira hamwe imigabane yo gushinga isosiyete y'ubucuruzi, gutunganya ibikorwa cyangwa imicungire byayo;	D. the organisation of contributions for the creation, operation or management of companies;	D. organisation des apports pour la création, l'exploitation ou la gestion de sociétés commerciales ;
E. gushinga, gucunga cyangwa kuyobora ikigo gifite ubuzima gatozi cyangwa ubwumvikane bushingiye ku masezerano, kimwe no kugura no kugurisha ikigo cy'ubucuruzi;	E. the creation, operation or management of legal persons or arrangements and buying and selling of business entities;	E. création, exploitation ou gestion de personnes morales ou de constructions juridiques et achat et vente d'entités commerciales;
(iii) umugenzuzi w'imari, umubaruramari	(iii) an auditor, accountant and tax advisor;	(iii) auditeur, comptable et conseiller en matière fiscale;

	n'umujyanama mu by'imisoro;				
(iv)	umuntu uhuza umuguzi n'ugurisha mu mirimo yerekeranye n'imitungo itimukanwa;	(iv)	a real estate agent;	(iv)	agent immobilier;
(v)	umucuruzi w'amabuye y'agaciro n'andi bimeze kimwe;	(v)	a dealer in precious metals and stones;	(v)	négociant en métaux précieux et pierres précieuses;
(vi)	umuntu ku giti cye, ikigo cyangwa isosiyete y'ubucuruzi bikwirakwiza amafaranga;	(vi)	a natural person, body or company involved in the business of distributing money;	(vi)	une personne physique, un organisme ou société commerciale engagés dans une activité de distribution d'argent;
(vii)	ikazino n'ibigo bikoresha tombora zikorera mu Gihugu;	(vii)	casino and national lotteries gaming halls;	(vii)	casino et établissements de jeux de loteries nationales ;
(viii)	umuntu utanga serivisi mu masezerano y'ubwizerane no mu masosiyete y'ubucuruzi;	(viii)	a trust or company service provider;	(viii)	prestataire de services à la fiducie et à la société commerciale ;
(ix)	abatanga serivisi z'umutungo koranabuhanga;	(ix)	virtual asset service provider;	(ix)	prestataire de services d'actifs virtuels ;
(x)	abandi bashobora kugenwa n'Iteka rya	(x)	such other persons as may be determined by an Order	(x)	toutes autres personnes pouvant être déterminées par arrêté du

Minisitiri ufite imari mu nshingano;	of the Minister in charge of finance;	Ministre ayant les finances dans ses attributions ;
(g) **"Urwego rubifitiye ububasha"** hakubiyemo inzego za Leta zifite mu nshingano kurwanya iyezandonke, kurwanya gutera inkunga iterabwoba cyangwa gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, harimo –	(g) **"competent authority"** includes all public authorities whose responsibilities include combating money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, including –	(g) **« autorité compétente »** comprend toutes les autorités publiques ayant dans leurs attributions la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive, y compris –
(i) Urwego rushinzwe ubutasi ku mari;	(i) the Financial Intelligence Centre;	(i) le Centre de renseignement financier ;
(ii) inzego zifite mu nshingano kugenza cyangwa gukurikirana ibyaha by'iyezandonke, ibyaha by'ibanze bijyanye na byo, ibyaha byo gutera inkunga iterabwoba n'ibyo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi zikaba kandi zishinzwe gufatira, guhagarika, no kunyaga indonke zikomoka ku cyaha cyangwa ibyakoreshejwe icyaha;	(ii) authorities whose responsibilities include investigating or prosecuting money laundering, associated predicate offences, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction and seizing, freezing, and confiscating proceeds of crime or instrumentalities;	(ii) les autorités ayant dans leurs attributions l'enquête ou la poursuite du blanchiment de capitaux, des infractions sous-jacentes associées, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive et la saisie, le gel et la confiscation des produits du crime ou des instruments ;
(iii) inzego zakira amakuru ku mafaranga yambukanwa imipaka	(iii) authorities receiving reports on cross-border	(iii) les autorités recevant les déclarations relatives au

n'inyandiko mvunjwafaranga zishyurwa uzifite;	transportation of currency and bearer negotiable instruments; and	transport transfrontalier de devises et d'instruments négociables au porteur; et
(iv) n'inzego zifite mu nshingano kugenzura cyangwa gukurikirana ibikorwa byo kurwanya icyaha cy'iyezandonke, icyo gutera inkunga iterabwoba n'icyo gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(iv) authorities whose responsibilities include supervisory or monitoring responsibilities over anti-money laundering, combatting terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(iv) les autorités ayant dans leurs attributions le contrôle ou le suivi en matière de lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(h) **"Urwego rugenzura"** bivuga urwego rushyiraho amabwiriza, rugenzura, rusuzuma kandi rukurikirana imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru.»	(h) **"supervisory authority"** refers to the authority which regulates, supervises, controls and monitors the functioning of reporting persons."	(h) **« autorité de contrôle »** désigne l'autorité qui règlemente, supervise, contrôle les personnes déclarantes et fait le suivi de leur fonctionnement ».
Ingingo ya 2: Inshingano	**Article 2: Responsibilities**	**Article 2: Attributions**
Ingingo ya 7 y'Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 7 of Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre is amended as follows:	L'article 7 de la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier est modifié comme suit:
«	"	«
Nk'Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, FIC ni rwo rwego rwonyine rufite	As a financial intelligence centre, the FIC is a national central agency whose	En tant que centre de renseignement financier, le FIC fait office d'agence

inshingano zikurikira:	responsibilities are the following:	centrale nationale ayant les attributions suivantes:
(a) gusaba, kwakira, gukusanya, guhuriza hamwe no gusesengura raporo ku bikorwa by'ubucuruzi n'ibindi bikorwa bikemangwa cyangwa andi makuru yerekeye iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi n'ibindi byaha by'ibanze bifitanye isano na byo no gushyikiriza inzego bireba ibyavuye mu isesengura rwakozwe rubyibwirije cyangwa rubisabwe, hakoreshejwe inzira zabugenewe, zizewe kandi zitekanye;	(a) to request, receive, collect, centralize and analyse suspicious transaction and activity reports and other information relevant to money laundering and associated predicate offences, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction and disseminate, either spontaneously or upon request, the results of such analysis to relevant authorities, using dedicated, secure, and protected channels;	(a) demander, recevoir, collecter, centraliser et analyser les déclarations d'opérations et d'activités suspectes ainsi que d'autres informations relatives au blanchiment de capitaux et aux infractions sous-jacentes associées, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive et diffuser, de manière spontanée ou sur demande, les résultats de cette analyse aux autorités concernées par le biais de canaux dédiés, sécurisés et protégés;
(b) kwakira raporo ku bikorwa bikurikira hagamijwe gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi n'ibindi byaha by'ibanze bifitanye isano na byo:	(b) to receive the following reports with a view to preventing and punishing money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction and other associated predicate offences:	(b) recevoir les déclarations suivantes aux fins de la prévention et de la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme ou du financement de la prolifération des armes de destruction massive et d'autres infractions sous-jacentes associées:
(i) igikorwa gikemangwa;	(i) a suspicious activity;	(i) activité suspecte;
(ii) igikorwa cy'ubucuruzi gikemangwa;	(ii) a suspicious transaction;	(ii) opération suspecte;

(iii) imenyekanisha gikorwa cy'ubucuruzi cyishyuwe kashi;	(iii) a cash transaction declaration;	(iii) déclaration d'une opération en espèces;
(iv) ihererekanya ry'amafaranga hakoreshejwe ikoranabuhanga;	(iv) wire transfer reports; and	(iv) déclarations de virements électroniques; et
(v) n'indi raporo y'imenyekanisha hashingiwe ku kigero cyagenwe.	(v) other determined threshold-based declaration or disclosure.	(v) autre déclaration ou divulgation basée sur un seuil déterminé.
(c) gukora isesengura ry'imikorere n'isesengura ryimbitse ku makuru y'ibikorwa ku ihererekanya ry'imari bikemangwa yakiriwe no gushyikiriza ibyavuyemo inzego zibishinzwe;	(c) to carry out operational and strategic analysis of received suspicious transaction reports and disseminate the results to relevant authorities;	(c) réaliser une analyse opérationnelle et stratégique des déclarations d'opérations suspectes reçues et en diffuser les résultats aux autorités concernées ;
(d) guhuza ibikorwa by'inzego zose bijyanye no gukumira no gushyira mu bikorwa itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(d) to coordinate preventive activities carried out by all institutions in relation to the implementation of the Law on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(d) coordonner les activités de prévention menées par toutes les institutions en lien avec la mise en œuvre de la loi portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(e) kugira inama Guverinoma ku birebana na politiki n'ingamba	(e) to advise the Government on policies and strategies aimed at	(e) conseiller le Gouvernement sur les politiques et les stratégies visant la

bigamije gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi no gukurikirana ishyirwa mu bikorwa ryazo;	preventing and punishing money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction and monitor their implementation;	prévention et la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive et assurer le suivi de leur mise en œuvre;
(f) gutanga inama ku nzego zibifitiye ububasha ku ihindurwa n'ivugururwa ry'amategeko ajyanye no gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, igihe bibaye ngombwa;	(f) to advise competent authorities on the amendment and reform of Laws relating to the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction, when deemed necessary;	(f) conseiller, en cas de nécessité, les autorités compétentes sur la modification et la réforme des lois relatives à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(g) gushyiraho ibipimo bifasha kumenya ibikorwa by'ihererekanya ry'imari bikemangwa;	(g) to establish indicators that assist in identifying suspicious financial transactions;	(g) établir des indicateurs permettant l'identification des opérations financières suspectes;
(h) gutanga amahugurwa n'ubufasha ku nzego zifite mu nshingano gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ku kibazo cyose kirebana no gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za	(h) to provide trainings and support to the organs in charge of the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing or the financing of proliferation of weapons of mass destruction on any matter related to the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and financing of	(h) offrir des formations et un soutien aux organes ayant dans leurs attributions la prévention et la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme ou du financement de la prolifération des armes de destruction massive concernant toute question relative à la prévention et à la répression du

kirimbuzi;	proliferation of weapons of mass destruction;	blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(i) gukora ubukangurambaga ku kibazo cyose kijyanye no gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(i) to conduct public awareness on any matter related to the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(i) sensibiliser le public sur toute question relative à la prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(j) gutegura no gushyiraho uburyo bw'imikorere n'igenzura hagamijwe umutekano n'ibanga by'amakuru abitswe na FIC;	(j) to design and put in place systems and controls for the security and confidentiality of data held by the FIC;	(j) concevoir et mettre en place des systèmes et des contrôles pour garantir la sécurité et la confidentialité des données détenues par le FIC;
(k) gukora isuzuma ry'ingaruka ku rwego rw'Igihugu zaterwa n'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(k) to conduct national risk assessment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(k) mener une évaluation nationale des risques en matière de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(l) gushyiraho no gucunga ububiko bw'amakuru ashingiye ku mibare no ku nyandiko ku birebana n'ikigero cy'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga	(l) to establish and maintain a database of statistics and records related to the effectiveness of the implementation of the Law on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and financing of	(l) créer et maintenir une base de données statistiques et de dossiers relative à l'efficacité de la mise en œuvre de la loi portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la

ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	proliferation of weapons of mass destruction;	prolifération des armes de destruction massive;
(m) gukora ubushakashatsi ku mihindagurikire, tekiniki n'ubwiyongere mu byerekeye iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(m) to conduct research into trends, techniques and developments in the area of money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(m) mener des recherches sur les tendances, les techniques et les évolutions dans le domaine du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(n) kugira inama inzego zigenzura imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru ku bijyanye n'ishyirwa mu bikorwa ry'itegeko rikumira kandi rihana iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(n) to advise supervisory authorities of reporting persons on the implementation of the Law on the prevention and punishment of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(n) conseiller les autorités de contrôle des personnes déclarantes sur la mise en œuvre de la loi portant prévention et répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(o) kugira uruhare mu bikorwa bihuza inzego zitandukanye bigamije gukemura ibibazo biterwa n'ibyaha bimunga ubukungu n'imari ku rwego rw'Igihugu, urw'akarere no ku rwego mpuzamahanga;	(o) to participate in inter-agency initiatives aimed at addressing financial and economic crime problems at national, regional and international levels;	(o) participer à des initiatives inter-agences visant à résoudre les problèmes de criminalité financière et économique aux niveaux national, régional et international;
(p) gutangaza raporo zigaragaza imibare yuzuye, ibyiciro n'imihindagurikire by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za	(p) to publish reports with comprehensive statistics, typologies and trends of money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction as	(p) publier des rapports contenant des statistiques complètes, des typologies et des tendances en matière de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la

kirimbuzi n'amakuru arebana n'ibikorwa byayo;	well as information regarding its activities;	prolifération des armes de destruction massive ainsi que des informations sur ses activités ;
(q) gutangariza abashinzwe gutanga amakuru icyo ruvuga ku makuru avuye muri raporo zerekeye ibikorwa bikemangwa, tekiniki zigezweho, uburyo bukoreshwa, imihindagurikire cyangwa ingero z'ibikorwa byabaye by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi ariko izo ngero ntizigaragazwemo amakuru agomba kugirwa ibanga;	(q) to provide feedback to reporting persons with regard to suspicious transactions reports, current technics, methods, trends or sanitised examples of actual money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction cases, but such examples must not contain confidential information;	(q) fournir aux personnes déclarantes une rétroaction au sujet des déclarations d'opérations suspectes, des techniques actuelles, des méthodes, des tendances ou des exemples anonymisés de cas réels dans le domaine du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive, mais ces exemples ne doivent pas contenir des informations confidentielles ;
(r) gukora urutonde rurambuye rw'abashinzwe gutanga amakuru no kurutangaza;	(r) to develop and publish a detailed list of reporting persons;	(r) élaborer et publier une liste détaillée des personnes déclarantes ;
(s) kugira imikoranire n'inzego, imiryango cyangwa ibigo bikorera ku rwego rw'Igihugu no ku rwego mpuzamahanga mu kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	(s) to collaborate with institutions, organisations or agencies that operate at national and international level in countering money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	(s) collaborer avec les institutions**,** organisations ou agences opérant au niveau national et international dans la lutte contre le blanchiment de capitaux, le financement du terrorisme et le financement de la prolifération des armes de destruction massive ;
(t) gutanga cyangwa guhererekanya	(t) to provide or exchange information	(t) fournir ou échanger des

amakuru n'urwego rushinzwe ubutasi ku mari rwo mu kindi gihugu n'izindi nzego zo mu mahanga zifite ububasha bwo kubona amakuru ikeneye iyo bisangiye inshingano yo kugira ibanga ry'akazi;	with a financial intelligence unit from another country and other foreign organs with the power to access needed information in case they have the same obligation of professional secrecy;	informations avec une cellule de renseignement financier d'un autre pays ou d'autres organes étrangers dotés des pouvoirs d'accéder aux informations dont il a besoin lorsqu'ils ont la même obligation de secret professionnel ;
(u) kwakira no gukoresha amakuru y'inyongera aturuka ku bashinzwe gutanga amakuru, yafasha mu gukora isesengura uko bikwiye. »	(u) to obtain and use additional information from reporting persons, as needed to perform its analysis properly."	(u) obtenir des informations supplémentaires auprès des personnes déclarantes et utiliser ces informations lorsqu'il en a besoin pour effectuer ses analyses de manière appropriée ».
Ingingo ya 3: Ububasha	**Article 3: Powers**	**Article 3: Pouvoirs**
Ingingo ya 8 y'Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari ihinduwe ku buryo bukurikira:	Article 8 of Law n° 045/2021 of 18/08/2021 Law governing the Financial Intelligence Centre is amended as follows:	L'article 8 de la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier est modifié comme suit :
« FIC ifite ububasha bukurikira:	"The FIC has the following powers:	« Le FIC a les pouvoirs suivants :
(a) kugenzura ibikorwa by'ihererekanya ry'imari byagaragajwe ko bikemangwa;	(a) to monitor financial transactions reported as suspicious;	(a) contrôler les opérations financières déclarées comme étant suspectes;
(b) kugenzura ko inzego zigenzura imikorere y'abashinzwe gutanga amakuru zikora inshingano zazo zerekeye no gukumira no guhana iyezandonke, gutera inkunga	(b) to supervise and ensure that the organs supervising the functioning of reporting persons fulfil their responsibilities related to the prevention and punishment of	(b) contrôler pour s'assurer que les organes de contrôle du fonctionnement des personnes déclarantes s'acquittent de leurs attributions relatives à la

iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi;	money laundering, terrorist financing and financing of proliferation of weapons of mass destruction;	prévention et à la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive;
(c) gukora –	(c) to conduct –	(c) effectuer –
(i) isesengura ry'ibikorwa rikoresha amakuru ahari kandi ashobora kuboneka hagamijwe kumenya ibyakwitabwaho mu buryo bwihariye, gukurikira inzira y'ibikorwa cyangwa ibikorwa by'ubucuruzi byihariye, no kumenya isano iri hagati y'ibyakwitabwaho n'inyungu ishobora guturuka ku byaha, iyezandonke, ibyaha by'ibanze no ku gutera inkunga iterabwoba;	(i) operational analysis which uses available and obtainable information to identify specific targets, to follow the trail of particular activities or transactions, and to determine links between those targets and possible proceeds of crime, money laundering, predicate offences and terrorist financing; and	(i) une analyse opérationnelle qui exploite les informations disponibles et susceptibles d'être obtenues pour identifier des cibles spécifiques, suivre la trace d'activités ou d'opérations particulières et établir des liens entre ces cibles et un possible produit du crime, le blanchiment de capitaux, les infractions sous-jacentes et le financement du terrorisme; et
(ii) n'isesengura ryimbitse rishingiye ku ngamba rikoresha amakuru ahari kandi ashobora kuboneka, harimo amakuru ashobora gutangwa n'izindi nzego zibifitiye ububasha, kugira ngo hamenyekane urusobe	(ii) strategic analysis which uses available and obtainable information, including data that may be provided by other competent authorities, to identify money laundering and terrorist financing related trends and patterns;	(ii) une analyse stratégique qui exploite des informations disponibles et qui peuvent être obtenues, y compris les données pouvant être fournies par d'autres autorités compétentes, pour identifier les tendances et schémas en matière de blanchiment

rw'ibyaha bishamikiye ku iyezandonke no gutera inkunga iterabwoba;		de capitaux et de financement du terrorisme;
(d) kugera ku makuru koranabuhanga n'andi makuru ari muri seriveri z'abashinzwe gutanga amakuru cyangwa izindi nzego hagamijwe gukora ubutasi ku mari;	(d) to access electronic data and other information banked in the servers of reporting persons and other organs for the purpose of financial intelligence;	(d) accéder aux données électroniques et à d'autres informations stockées dans les serveurs des personnes déclarantes et d'autres organes à des fins de renseignement financier;
(e) guhagarika no gufatira umutungo ukemangwa;	(e) to freeze and seize suspicious property;	(e) geler et saisir les biens suspects;
(f) gutegeka umuntu ku giti cye cyangwa umuryango ufite ubuzimagatozi ufite inyandikompamo n'inyandiko bwite ku bikorwa by'iherererekanya ry'imari kuziyishyikiriza;	(f) to order an individual or legal person with authentic and private documents on financial transactions to submit them to it;	(f) ordonner à une personne physique ou morale détenant des documents authentiques et privés relatifs aux opérations financières de les lui transmettre;
(g) gutegeka inzego zibishinzwe gutanga amakuru ajyanye n'imitungo y'abantu ku giti cyabo cyangwa ay'umuryango ufite ubuzimagatozi bikekwaho icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi mu rwego rwo gukora ubutasi ku mari;	(g) to order relevant organs to provide information related to the property of natural or legal persons suspected of crime of money laundering, financing terrorism and financing the proliferation of weapons of mass destruction in order to conduct financial intelligence;	(g) ordonner aux organes concernés de fournir des informations relatives aux biens des personnes physiques ou morales soupçonnées de crime de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive afin de mener des activités de renseignement financier;

(h) kugera mu buryo bwagutse ku makuru y'imari, ay'ubutegetsi n'ay'iyubahirizwa ry'amategeko akenewe ayifasha gusohoza neza inshingano zayo;	(h) to have access to the widest possible range of financial, administrative and law enforcement information required to properly perform its functions;	(h) avoir accès à la gamme la plus large possible d'informations financières et administratives et d'informations relatives à l'application de la loi requises pour s'acquitter de ses fonctions de manière appropriée ;
(i) gushyiraho amabwiriza agena amakosa n'ibihano byo mu rwego rw'ubutegetsi ku bashinzwe gutanga amakuru bagenzurwa n'urwego;	(i) to establish regulations determining faults and administrative sanctions for reporting persons under its supervision;	(i) établir les règlements qui déterminent les fautes et les sanctions administratives pour les personnes déclarantes placées sous son contrôle ;
(j) guhabwa n'umuntu ku giti cye no gukoresha inyandiko, ubuhamya cyangwa ibisobanuro bikenewe mu kuyifasha kuzuza neza inshingano zayo;	(j) to obtain and use a document, testimony or explanations from a person as needed to perform its functions properly;	(j) obtenir et utiliser un document, un témoignage ou des explications d'une personne, dans la mesure où cela est nécessaire pour s'acquitter de ses fonctions de manière appropriée;
(k) gutanga ibitekerezo hifashishijwe ifishi yabugenewe ikoreshwa mu gutanga ibitekerezo biba byasabwe n'abafatanyabikorwa bayo bo mu gihugu ndetse n'inzego zo ku rwego rw'akarere no ku rwego mpuzamahanga bihuje inshingano;	(k) to provide feedback, using the feedback form used to respond to its local partners and regional and international counterparts;	(k) fournir une rétroaction à l'aide du formulaire de rétroaction prévu à cet effet servant à répondre à ses partenaires locaux ainsi qu'à ses homologues régionaux et internationaux ;
(l) gushyiraho amabwiriza n'imirongo ngenderwaho bigomba gushyirwa mu bikorwa n'abashinzwe gutanga amakuru;	(l) to lay down regulations and guidelines to be implemented by reporting persons;	(l) établir des règlements et des lignes directrices devant être mis en œuvre par les personnes déclarantes ;

(m) gushyiraho amabwiriza y'imikorere no kugenzura abashinzwe gutanga amakuru badafite urwego rubagenzura ruzwi;	(m) to regulate and supervise reporting persons that do not have any recognized supervisory authority;	(m) réglementer et superviser les personnes déclarantes qui ne relèvent d'aucune autorité de contrôle reconnue ;
(n) gushyiraho amabwiriza ashyira mu bikorwa ibyemezo by'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku bijyanye n'ibihano mu by'imari birebana n'iterabwoba no gutera inkunga iterabwoba;	(n) to lay down regulations which implement the United Nations Security Council resolutions with regard to targeted financial sanctions related to terrorism and terrorist financing;	(n) établir les règlements de mise en œuvre des résolutions du Conseil de Sécurité des Nations unies en rapport avec les sanctions financières ciblées relatives au terrorisme et au financement du terrorisme ;
(o) gushyiraho amabwiriza ashyira mu bikorwa ibyemezo by'Akanama k'Umuryango w'Abibumbye gashinzwe umutekano ku bijyanye n'ibihano mu by'imari birebana n'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi no kuritera inkunga;	(o) to lay down regulations that implement the United Nations Security Council resolutions with regard to targeted financial sanctions related to the proliferation of weapons of mass destruction and its financing;	(o) établir les règlements de mise en œuvre des résolutions du Conseil de Sécurité des Nations unies en rapport avec les sanctions financières ciblées relatives à la prolifération des armes de destruction massive et de son financement;
(p) gushyiraho politiki n'amabwiriza bigenga uburyo bwo kurinda umutekano n'ibanga by'amakuru.»	(p) to establish policies and rules that govern the security and confidentiality of information."	(p) établir des politiques et des règles qui régissent la sécurité et la confidentialité des informations ».
Ingingo ya 4: Imikoranire ya FIC n'abashinzwe gutanga amakuru n'izindi nzego	**Article 4: Collaboration of FIC with reporting persons and other organs**	**Article 4: Collaboration du FIC avec les personnes déclarantes et d'autres organes**
Ingingo ya 24 y'Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari ihinduwe ku	Article 24 of Law n° 045/2021 of 18/08/2021 Law governing the Financial Intelligence Centre is amended as follows:	L'article 24 de la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier est modifié

buryo bukurikira:		comme suit:
« Mu gushyira mu bikorwa inshingano zayo, hagamijwe guhererekanya amakuru ku byerekeye kurwanya ibyaha by'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba no gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, FIC ikorana n'abashinzwe gutanga amakuru n'izindi nzego zikurikira:	"In performing its responsibilities and for the purpose of sharing information related to the fight against the crimes of money laundering, terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, the FIC collaborates with reporting persons and the following other organs:	« Dans l'accomplissement de ses attributions et en vue d'échange des informations relatives à la lutte contre les crimes de blanchiment de capitaux, de financement du terrorisme et de financement de la prolifération des armes de destruction massive, le FIC collabore avec les personnes déclarantes et les autres organes suivants :
(a) inzego zishinzwe kurinda Igihugu n'umutekano, iz'ubutabera n'iz'imitegekere y'Igihugu;	(a) national defence, security and justice organs, and administrative entities;	(a) les organes de défense nationale et de sécurité, judiciaires et les entités administratives;
(b) urundi rwego FIC yasanga ari ngombwa. »	(b) any such other organ as the FIC may consider appropriate."	(b) tout autre organe que le FIC peut juger nécessaire ».
Ingingo ya 5: Ihame rya magirirane	**Article 5: Principle of reciprocity**	**Article 5: Principe de réciprocité**
Mu Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, hongewemo ingingo ya 24 *bis* iteye ku buryo bukurikira:	In Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre, an Article 24 *bis* is inserted which is worded as follows:	Dans la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier, il est inséré un article 24 *bis* libellé comme suit :
« Ingingo 24 *bis*: Ihame rya magirirane	**"Article 24 *bis*: Principle of reciprocity**	**« Article 24 *bis* : Principe de réciprocité**
FIC, ibyibwirije cyangwa ibisabwe, ihanahana amakuru n'izindi nzego zo mu mahanga bikora umurimo umwe n'inzego zibifitiye ububasha zo mu Gihugu, binyuze mu masezerano y'ubwumvikane yakozwe	The FIC exchanges information with its foreign counterparts and national competent authorities, either on its own initiative or at their request, within the framework of a memorandum of	Le FIC échange des informations avec ses homologues étrangers et les autorités compétentes nationales, de sa propre initiative ou à leur demande, dans le cadre d'un protocole d'accord entre les parties et

hagati yazo no kubahiriza ihame rya magirirane uko bisabwa. »	understanding between the parties and in strict compliance with the principle of reciprocity."	dans le strict respect du principe de réciprocité ».
Ingingo ya 6: Guhanahana amakuru	**Article 6: Exchange of information**	**Article 6: Échange d'informations**
Mu Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, hongewemo ingingo ya 24 *ter* iteye ku buryo bukurikira:	In Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre, an Article 24 *ter* is inserted which is worded as follows:	Dans la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier, il est inséré un article 24 *ter* libellé comme suit:
« Ingingo ya 24 *ter*: Guhanahana amakuru	**"Article 24 *ter*: Exchange of information**	**« Article 24 *ter*: Échange d'informations**
(1) FIC ikorana n'izindi nzego zishinzwe ubutasi ku mari zo mu karere no mu mahanga mu rwego rwo gukumira no guhana icyaha cy'iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba, gutera inkunga ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, n'ibindi byaha bifitanye isano na byo.	(1) The FIC cooperates with other regional and international financial intelligence units in the prevention and punishment of money laundering, countering terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction and other related offences.	(1) Le FIC coopère avec d'autres cellules de renseignement financier, tant régionales qu'internationales, pour la prévention et la répression du blanchiment de capitaux, du financement du terrorisme et du financement de la prolifération des armes de destruction massive ainsi que d'autres infractions connexes.
(2) Mu mikoranire ya FIC n'izindi nzego zishinzwe ubutasi ku mari z'ibindi bihugu, harimo amasezerano y'ubwumvikane akubiyemo:	(2) The terms and conditions of the FIC's cooperation with its foreign counterparts are formalized through a memorandum of understanding, which includes:	(2) Les modalités et conditions de coopération entre le FIC et ses homologues étrangers sont formalisées au moyen d'un protocole d'accord, qui inclut notamment:
(a) uburyo bwo guhanahana	(a) procedures for the exchange of	(a) les procédures d'échange

amakuru;	information;	d'informations;
(b) uburyo bwo kugira ibanga amakuru yahererekanyijwe n'aho kuyakoresha bigarukira;	(b) the confidentiality of the information exchanged and its restricted use in the operational scope;	(b) la confidentialité des informations échangées et leur utilisation restreinte dans le cadre opérationnel ;
(c) kuba ihame rya magirirane rigomba kubahirizwa mu guhanahana amakuru;	(c) the obligation of respect for the principle of reciprocity in terms of exchange of information; and	(c) l'obligation de respect du principe de réciprocité en termes d'échange d'informations ; et
(d) no kuba kohereza amakuru yerekeye ibikorwa byazo mu zindi nzego bibanza gutangirwa uburenganzira n'urundi rwego rw'ubutasi ku mari.	(d) the need for prior authorisation by the counterpart unit for transmission to other entities within the scope of its activity.	(d) la nécessité d'une autorisation préalable de l'unité homologue pour la transmission à d'autres entités dans le cadre de son activité.
(3) Icyakora, FIC ishobora guhanahana amakuru n'izindi nzego zishinzwe ubutasi ku mari z'ibindi bihugu bidashingiye ku masezerano y'ubwumvikane.	(3) However, the FIC may exchange information with financial intelligence units in other jurisdictions without the need for a memorandum of understanding.	(3) Toutefois, le FIC peut échanger des informations avec des cellules de renseignement financier d'autres pays sans qu'il soit nécessaire de conclure un protocole d'accord.
(4) Inzego zishinzwe ubutasi ku mari zifashisha amakuru zahanahanye gusa ku mpamvu zatumye asabwa cyangwa atangwa. Gutanga aya makuru ku zindi nzego cyangwa kuyakoresha ku mpamvu zitari izatumye asabwa cyangwa atangwa, bibanza gusabirwa uburenganzira urwego	(4) Financial intelligence units use the information exchanged solely for the purpose for which it was requested or provided. The dissemination of such information to other authorities or its use for purposes other than those for which it was requested or provided requires prior authorization from	(4) Les cellules de renseignement financier ne se servent des informations échangées qu'aux fins pour lesquelles elles ont été demandées ou fournies. La diffusion de ces informations à d'autres autorités ou l'utilisation de ces informations à des fins autres que celles pour lesquelles elles ont

rwayasabwe.	the requested authority.	été demandées ou fournies est soumise à l'autorisation préalable de l'autorité requise.
(5) Amakuru atanzwe hakurikijwe iyi ngingo ni ibanga kandi ntashobora gukoreshwa cyangwa ngo amenyekanishwe nk'ikimenyetso cyangwa ku mpamvu y'ubucamanza bitabanje kwemerwa na FIC. Amakuru kandi ntashobora gutangwa ku yindi miryango cyangwa ibigo bitari ikigo raporo yoherejweho, hatabayeho uburenganzira bwanditse butangwa na FIC ari nayo ikurikirana ishyirwa mu bikorwa ry'iyi ngingo.	(5) The information provided under the provisions of this Article is strictly confidential and cannot be used or disseminated for evidential or judicial purposes without the prior consent of the FIC. Similarly, such information may not be disseminated to any organisation or entity other than the one to whom it was sent, without the prior written consent of the FIC, which ensures adherence to the provisions of this Article.	(5) Les informations fournies conformément aux dispositions du présent article sont strictement confidentielles et ne peuvent être utilisées ou diffusées à des fins de preuve ou judiciaires sans l'accord préalable du FIC. De même, ces informations ne peuvent être diffusées à aucune organisation ou entité autre que celle à laquelle le rapport a été envoyé sans l'accord écrit préalable du FIC qui veille au respect des dispositions du présent article.
(6) Uburenganzira bwo gukoresha mu bindi cyangwa gutanga amakuru bubanza gutangwa na FIC mu buryo bwihuse no ku kigero gishoboka. Ubwo burenganzira ntibwangwa keretse mu gihe bwaba bunyuranye n'ingingo z'amategeko y'urwego yo kurwanya iyezandonke, gutera inkunga iterabwoba n'ikwirakwiza ry'intwaro za kirimbuzi, ku buryo budahuye n'inyungu zemewe z'umuntu ku giti cye cyangwa ikigo, cyangwa bikaba bitubahirije	(6)Prior consent for further use or dissemination of information is granted by the FIC promptly and to the largest extent possible. Such consent cannot be denied unless this would fall beyond the scope of application of the providing authority's provisions on anti-money laundering, countering-terrorist financing and the financing of proliferation of weapons of mass destruction, could impair a criminal investigation, would be clearly disproportionate to the legitimate interests of a natural or legal person or	(6)L'accord préalable pour une utilisation ou une diffusion ultérieure d'informations est accordé par le FIC rapidement et dans toute la mesure du possible. Cet accord ne peut être refusé que si cela dépasse le champ d'application des dispositions régissant l'autorité requise relatives à la lutte contre le blanchiment de capitaux, au financement du terrorisme et au financement de la prolifération des armes de destruction massive ou est susceptible d'entraver une enquête criminelle, d'entraîner des effets

amahame y'ingenzi y'amategeko y'igihugu cyangwa Ikigo gitanga amakuru. »	the State of the providing authority or would otherwise not be in accordance with fundamental principles of its national law."	clairement disproportionnés au regard des intérêts légitimes d'une personne physique ou morale ou de l'État d'origine de l'autorité requise ou ne respecterait pas les principes fondamentaux de son droit national.»
Ingingo ya 7: Ifishi yabugenewe isaba amakuru	**Article 7: Standard information request form**	**Article 7: Formulaire standard de demande d'information**
Mu Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, hongewemo ingingo ya 24 *quater* iteye ku buryo bukurikira:	In Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre, an Article 24 *quater* is inserted which is worded as follows:	Dans la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier, il est inséré un article 24 *quater* libellé comme suit:
« **Ingingo ya 24 *quater*: Ifishi yabugenewe isaba amakuru**	**"Article 24 *quater*: Standard information request form**	**« Article 24 *quater*: Formulaire standard de demande d'information**
(1) Mu rwego rw'imikoranire n'izindi nzego mu guhanahana amakuru, hakoreshwa ifishi yabugenewe.	(1) Within the framework of collaboration with other organs for the exchange of information, a specific form designated for this purpose is used.	(1) Dans le cadre de la collaboration avec d'autres organes en matière d'échange d'informations, il est fait usage d'un formulaire prévu à cet effet.
(2) Amabwiriza y'Umuyobozi Mukuru wa FIC agena ifishi yabugenewe isaba amakuru igaragaza imiterere y'ikibazo, abo bireba, ibigo birebwa, konti za banki zirebwa, ibisobanuro ku kibazo kigomba gusesengurwa, isano ishobora guhuza igihugu cyasabwe amakuru n'ibibazo kigomba gusubiza. »	(2) A regulation of the Director General of FIC determines a standard information request form which covers contextualization, subject involved, entities involved, bank accounts involved, description of the case being analysed, potential link to the country from which the information is requested and questions to be answered by such a country."	(2) Un règlement du Directeur général du FIC détermine un formulaire standard de demande d'information qui couvre la contextualisation, le sujet impliqué, les entités impliquées, les comptes bancaires impliqués, la description du cas faisant l'objet d'analyse, un possible lien avec le pays requis pour fournir des informations ainsi que les

		questions auxquelles ce pays doit répondre ».
Ingingo ya 8: Kurinda amakuru no kugira ibanga	**Article 8: Data protection and confidentiality**	**Article 8: Protection de données et de la confidentialité**
Mu Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, hongewemo ingingo ya 24 *quinquies* iteye ku buryo bukurikira:	In Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre, an Article 24 *quinquies* is inserted which is worded as follows:	Dans la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier, il est inséré un article 24 *quinquies* libellé comme suit:
« Ingingo ya 24 *quinquies*: Kurinda amakuru no kugira ibanga	**"Article 24 *quinquies*: Data protection and confidentiality**	**« Article 24 *quinquies*: Protection de données et de la confidentialité**
(1) Mu mikorere no mu mikoranire n'izindi nzego, FIC irinda amakuru ikanagira ibanga mu bijyanye n'amakuru ahanahanwa no gukoresha uburenganzira bwayo mu kwanga gutanga amakuru niba idashobora kwizezwa ko amakuru yahanahanwe arindwa**.**	(1) In its functioning and relations with other organs, the FIC ensures data protection and confidentiality with regard to information exchanged and reserves the right to refuse to provide information if sufficient assurances regarding the protection of information exchanged are not provided.	(1)Dans son fonctionnement et ses relations avec d'autres organes, le FIC veille à la protection des données et à la confidentialité quant aux informations échangées et se réserve le droit de refuser de fournir des informations en l'absence de garanties suffisantes quant à la protection des informations échangées.
(2) FIC itegura, ibika ikanacunga inyandiko n'ibikoresho byayo, bishobora kwinjizwa mu ruhererekane rw'amakuru y'ibihugu n'imiryango mpuzamahanga mu rwego rwo gusohoza inshingano, ariko hubahirijwe ibijyanye no kurinda amakuru no kubika ibanga.	(2) The FIC organises, keeps and manages its archive and database, that may be integrated into the national and international information networks for the fulfilment of its tasks, nonetheless, safeguarding the issues of protection and confidentiality.	(2) Le FIC organise, conserve et gère son archive et sa base de données, qui peuvent être intégrées dans les réseaux d'information nationaux et internationaux pour l'accomplissement de ses tâches, en préservant toutefois la protection et la confidentialité.

(3) Iyo abakozi ba FIC batangira imirimo, bashyira umukono ku masezerano bagirana na FIC abaha inshingano yo kugira ibanga. Ayo masezerano agaragaza ko amakuru abakozi bayo bamenye adashobora gukoreshwa mu buryo ubwo ari bwo bwose, uretse mu nyungu za FIC. »	(3) Upon assuming their duties, FIC staff members sign a responsibility and confidentiality agreement with the FIC. The agreement stipulates that information which becomes known to staff members in the course of or in connection with their duties cannot be used for any purpose other than furthering the FIC's interests."	(3) Lors de leur prise de fonctions, les membres du personnel du FIC signent un accord de responsabilité et de confidentialité avec le FIC. Cet accord stipule que toute information dont les membres du personnel prennent connaissance dans l'exercice ou à l'occasion de leurs fonctions ne peut être utilisée que pour servir les intérêts du FIC ».
Ingingo ya 9: Amahame mbonezamwuga ngenderwaho	**Article 9: Standard operating procedures**	**Article 9: Procédures opérationnelles standard**
Mu Itegeko n° 045/2021 ryo ku wa 18/08/2021 rigenga Urwego rushinzwe Ubutasi ku Mari, hongewemo ingingo ya 24 *sexies* iteye ku buryo bukurikira:	In Law n° 045/2021 of 18/08/2021 governing the Financial Intelligence Centre, an Article 24 *sexies* is inserted which is worded as follows:	Dans la Loi n° 045/2021 du 18/08/2021 régissant le Centre de renseignement financier, il est inséré un article 24 *sexies* libellé comme suit :
«**Ingingo ya 24 *sexies*: Amahame mbonezamwuga ngenderwaho**	"**Article 24 *sexies*: Standard operating procedures**	« **Article 24 *sexies*: Procédures opérationnelles standard**
(1) Mu mikorere yayo, FIC ikoresha inyandiko rugero y'amasezerano shusho y'Urwego Mpuzamahanga rwa *Egmont* ruhuza inzego z'ubutasi ku mari.	(1) In its functioning, the FIC uses standard operating procedures of the Egmont Group of financial intelligence units.	(1) Dans son fonctionnement, le FIC se sert du modèle de protocole d'accord du groupe Egmont des cellules de renseignement financier.
(2) Imirongo ngenderwaho ya FIC igena igitabo gikubiyemo amahame mbonezamwuga ngenderwaho gitanga ibisobanuro birambuye ku bikubiye mu isesengura	(2) The FIC guidelines determine the standard operating procedures manual which provides details of what the analysis entails and how it is undertaken."	(2) Les lignes directrices du FIC déterminent le manuel des procédures opérationnelles standard qui fournit des détails sur

ry'amakuru n'uburyo rikorwamo. »		ce qu'implique l'analyse et sur la manière dont elle est effectuée ».
Ingingo ya 10: Ingingo y'ururimi	**Article 10: Language provision**	**Article 10: Disposition linguistique**
Iri tegeko ryateguwe mu rurimi rw'Icyongereza, risuzumwa kandi ritorwa mu rurimi rw'Ikinyarwanda**.**	This Law was drafted in English, considered and adopted in Ikinyarwanda.	La présente loi a été initiée en anglais, examinée et adoptée en Ikinyarwanda.
Ingingo ya 11: Gutangira gukurikizwa	**Article 11: Entry into force**	**Article 11: Entrée en vigueur**
Iri tegeko ritangira gukurikizwa ku munsi ritangarijweho mu Igazeti ya Leta ya Repubulika y'u Rwanda.	This Law comes into force on the date of its publication in the Official Gazette of the Republic of Rwanda.	La présente loi entre en vigueur le jour de sa publication au Journal Officiel de la République du Rwanda.

Kigali, 22/01/2025

(sé)

KAGAME Paul
Perezida wa Repubulika
President of the Republic
Président de la République

(sé)

Dr NGIRENTE Edouard
Minisitiri w'Intebe
Prime Minister
Premier Ministre

Bibonywe kandi bishyizweho Ikirango cya Repubulika:
Seen and sealed with the Seal of the Republic:
Vu et scellé du Sceau de la République:

(sé)

Dr UGIRASHEBUJA Emmanuel
Minisitiri w'Ubutabera akaba n'Intumwa Nkuru ya Leta
Minister of Justice and Attorney General
Ministre de la Justice et Garde des Sceaux